



# DGPR DEMOCRATIC GREEN PARTY OF RWANDA

ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI NO KURENGERA IBIDUKIKIJE MU RWANDA

B.P. 6334 KIGALI-RWANDA  
Tel : + 250 788 563 039, E-mail : info@rwandagreendemocrats.org  
Website : www.rwandagreendemocrats.org

## ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

Nyuma yaho Ishyaka Riharanira Demokarasi no Kurengera Ibidukikije mu Rwanda (DGPR) rikoreye ikiganiro n'abanyamakuru, kuwa 5 Kanama 2022, ku ngingo z'igize Manifesto y'Ishyaka ubwo twakoraga isesengura ryayo, byatumye haba impaka nyinshi ku ingingo yaho aho twavugaga ko inzira y'amahoro arambye ishoboka aruko ubuyobozi bw'Igihugu bushyize imbere gahunda y'ibiganiro, bikaba hagati ya Leta n'abatavuga rumwe nayo baba abitwaje intwari n'abatazizwaje, dufashe uyu mwanya kugirango tubagezeho ubutumwa bukurikira:

1. Ntabwo Ishyaka DGPR ryari rigamije inabi ku Banyarwanda, ahubwo twari ku ihame dusanganwe ryo gushimangira amahoro n'umutekano birambye biciye mu nzira y'ibiganiro;
2. Ubutumwa bw'Ishyaka DGPR bwari bugamije gushimangira umurongo w'igihugu w'ibiganiro ku Banyarwanda bose hagamijwe amahoro, ubumwe n'ubuyungu, nkuko biri no mu Itegeko Nshinga rya Repubulika yu Rwanda, rya 2003 ryavuguruwe 2015;
3. Ibiganiro twavugaga ntabwo bireba aba bakurikira: abakoze jenocide yakorewe Abatutsi, abari mu mitwe y'iterabwoba, imitwe y'itwaje intwari, abashakishwa n'inkiko, abahamijwe ibyaha n'inkiko ndetse n'abahakana n'abapfobya jenocide yakorewe Abatutsi, kuberako hari amategeko n'inzego bibareba.
4. Dusabye Imbabazi abanyarwanda bose bakomerekejwe n'iyi ngingo twavuze haruguru, kuberako ntabwo ari byo twifuzaga. Iyi ngingo tuzayikosora muri manifesto yacu y'ubutaha.

Bikorewe I Kigali, kuwa 29 Nzeri 2022

Ubuyobozi bukuru bw'Ishyaka DGPR

